

Uburinzi bw'Imana ku byangiza umubiri nti bugira ikiguzi; ariko byaba bihebuje iyaba tudakeneye abavuzi. Uzi ko hari uburyo bwageragejwe bwo gukura kukazi abavuzi? Ita k'umubiri wawe! Abahanga mu bumenyi bavumbuye ibyerekeranye n'ibisigalizwa byo gukoreshwa kwa amavuta mu mubiri, itabi, ibibazo birenze kwihangana kw'umubiri, kugira ibiro byinshi, no kunywa ibisindisha, kuki wakomeza kugerageza? Ibitaro bisanzwe n' iby'indwara zo mu mutwe byuzuye abantu basuzugura imbuzi z'umubiri – waba ushaka kwifatanya nabo? Imana Ikurikirana uko wita k' umubiri wawe, kandi yaguhaye gahunda ku buntu, n'inyandiko wifashisha ... Bibiliya Yera! Ku ukuri gutangaje kubyerekeye uko wagira ubuzima buzira umuze, ukanabaho igihe kirekire, kurikira ibyo muli ibi byigisho – ariko witonde ubisome byose mbere yuko wakwihutira gufata imyanzuro!

1. Mbese gukurikiza amabwiliza yimakaza imibereho myiza n' ikintu kiboneka muli Bibiliya Yera no mu lyobokamana?

"Bakundwa, nifuza kuruta ibindi yuko mwatera imbere, kandi mukagira ubuzima buzira umuze, nkuko mwunguka mu mwuka." Urwandiko rwa 3 rwa Yohana, umurongo wa 2.

Igisubizo: Nibyo. Mubyukuri, Bibiliya ishyira ubuzima buzira umuze hafi mubyo hejuru mu kugira akamaro. Ubwenge bw' umuntu, gukoreshwa n' umwuka bivukanwa, ndetse n'umubiri byose bifitanye isano kandi biruzuzanya. Ikibangamiye kimwe, kiba kibangamiye n'ikindi. Imibiri yacu nikoreshwa ibya mfura mbi, ubwenge bwacu, no gukoreshwa n'umuka bivukanwa ntibishobora kuba iby' Imana yabiteganyirije kuba.

2. Kuki Imana yahaye amategeko y'ubuzima kubantu bayo?

"Kandi Uwiteka adutegeka kwitondera ayo mategeko yose ...kugirango tubone ibyiza iteka, ikiza ubugingo bwacu uku biri n' uyu munsi." Gutegeka kwa kabiri 6:24. "Kandi muzumvire Imana yanyu, kandi izahumugisha umukati wanyu, amazi yanyu, kandi nzirukana indwara ziboneka muli mwe." Kuva 23:25.

Igisubizo: Imana yatanze amategeko yerekeranye n'ubuzima buzira umuze kuko Izi ibitunganiye umubiri w'umuntu. Abahimbyi b' imodoka bashyira "igitabo cyo kiyikoresha" mu gasanduku kabigenewe kuko bazi ibiberanye n' ibyo bakora. Imana yaremye imibiri yacu, inafite "igitabo cy'uko ikoreshwa." Cyitwa Bibiliya Yera. Kwirengagiza "igitabo cy'uko umubiri ukoreshwa" bishobora gutera indwara, gutekereza kudashyitse, n'ubuzima burangwa no kugubwa nabi bihoraho, bihwanye no gufata imodoka nabi (binyuranye n' amabwiriza y'umuhimbyi wayo) bivamo ibibazo bihoraho ku modoka. Gukurikiza amategeko y'Imana mu "kwita k'ubuzima buzira umuze" (Zaburi 67:2) n'ubuzima muri byinshi (Yohana 10:10). Aya mategeko afite akamaro gakomeye ameze nk'urukuta rukingira indwara zizanwa n'umwanzi. Imana Itubwira ayo mabwiriza, bikaba byadufasha kwirinda imitego y'umwanzi.

3. Mbese amategeko y'Imana y'ubuzima buzira umuze afitanye isano no kurya cyangwa kunywa?

"Mujye murya ibitunganye gusa" Yesaya 55:2. "Ni murya cyangwa mukanywa, cyangwa hari ikindi cyose mukora, mubikore kuburyo bihimbaza Imana." 1 Abakorinto 10:31.

Igisubizo: Nibyo, umu Kristo azarya ananywe kuburyo bwihariye --- byose mu guhesha Imana ikuzo --- akoresha “ibyiza gusa.” Iyo Imana Ivuze ko ikintu atari cyiza kuribwa, Igomba kuba Ifite impamvu igaragara. Ntabwo ari Inyagitugu, ahubwo ni Imana Ikunda. Inama zayo zose n’ izituzanira ibyiza. Bibiliya isezeranya: “Ntazagira ikintu cyiza yima abagenda batunganye. “ Zaburi 84:12. Niyo mpamvu iyo Imana igize icyo Itwima, nuko kiba atari cyiza.

Icyitonderwa: *Nta kurya kwajyana umuntu mw’Ijuru.No kurya ibiryo by’ abamarayika ntibyahesha umuntu kujya muli Paradiso. Kwemera Yesu Kristo nk’ Umukiza n’ Umucunguzi byabikora. Kwirengagiza amategeko y’ Imana y’ ubuzima nyamara, byatuma umuntu arimbuka, kuko bimunga gufata ibyemezo kwe, bikanamutera gukora icyaha*

.

4. Ni iki Imana Yahaye abantu ngo barye Imaze kubarema, Ikabaha ibyo kurya byuzuye?

"Kandi Imana Irababwira Iti: Dore mbahaye ibimera byose byera imbuto biri mw’ isi yose, n’ igiti cyose gifite imbuto zirimo utubuto twacyo, bizabe ibyo kurya byanyu. Uwiteka Imana Iramutegeka Iti: ku giti cyose cyo muri iyi ngobyi ujye urya imbuto zacyo uko ushaka." Itangiriro 1:29; 2:16.

Igisubizo: Ibyo kurya Imana Yahaye abantu mw’ itangiriro byari amatunda, imbuto, n’ ububemba bw’amoko yose. (Itangiriro 3:18).

Imana yategetse Adamu na Eva kurya ibinyabimera.

5. N’ ibiki by’umwihariko byavuzwe n’Imana ko bizira cyangwa bitazira?

Igisubizo: Mu gitabo cy’ Abalewi 11 nicyo Gutegeka kwa Kabiri 14, Imana yerekana kuburyo bugaragara ko amoko y’ ibiribwa bigwa mur’ ibi bice byanduye. Soma ibyo bice byose. .

Ingurube zirahumanye.

A. Inyamaswa zose zitatuya inzara kandi zituza (Gutegeka kwa Kabiri 14:6).

Amafi nk’ aya arazira

(Shellfish and catfish are unclean).

B. Amafi yose n'ibindi biremwa biba mu mazi bidafite "amababa" y'amafi ni ibikoko.
Hafi ya amafi yose ntabwo ahumanya (Gutegeka kwa Kabiri 14:9).

Inyoni zihiga zirahumanye.

C. Inyoni zose zihiga, n'izirya amafi, All birds of prey, carrion eaters, and fish eaters (Abalewi 11:13-20).

D. Ibikururuka hasi byinshi, cyangwa bitagira uruti rw'umugongo birahumanye. (Abalewi 11:21-47).

Zimwe ziba mu mazi rimwe na rimwe cyangwa buri gihe, zidafite amababa y'ifi, cyangwa ibikoko zirahumanye.

Icyitonderwa: *Ibi bice byo muri Bibiliya byerekana ko byinshi mu inyamaswa, inyoni, n'ibiremwa biba mu mazi abantu barya ahanini bidahumanye. Nyamara, hari bimwe bigomba kwitonderwa. Hakurikijwe amabwiriza y'Imana, inyamaswa zikurikira zirahumanye, kandi ntabwo zigomba kuribwa: imbeba, inkwavu, ibikeri, amafi atagira ibikoko, n' ibindi.*

6. Ariko njye nkunda ingurube! Mbese Imana Izandiburira ko nyirya?

"Kuko Uwiteka azazana n'umuriro ... akababahanisha umuriro w'inkota Ye, kandi abazicwa n'uwiteka azaba ari benshi. Abiyeza bakitegura kujya mu masambu yabo, batoye umurongo bakarya ingurube n'ikizira n'imbeba, abo bose bazashirira icyarimwe, niko Uwiteka Nyiringabo avuga." Yesaya 66:15-17.

Igisubizo: Bishobora kuba bitangaje, ariko n' ukuri kandi bigomba kuvugwa. Bibiliya ihamya ko bose barya inyama z' ingurube, imbeba, n' ibindi bihumanye bizira, bazarimburwa n'umuriro Umukiza nagaruka. Iyo Imana Uwiteka avuze kwirengagize ikintu ntikiribwe, tugomba mu buryo bwose kumwumvira. Nubusanzwe, kurya bisanzwe agapande k'itunda ribujijwe kwakozwe na Adamu na Eva, umuryango wa babiri utari wagacumuye, byazanye icyaha n'urupfu mw' isi bijya gutangira. Haruwavuga ngo ntacyo bitwaye, igihe Uwiteka Imana Yerekana kuburyo bunonosoye ko bigitwaye? Imana Iravuga ngo abantu bazarimburwa kubera "bahitamo ibitantunganira". Yesaya 66:4.

7. Ariko se ntabwo iri tegeko ry'ibifite ubugingo bizira n'ibitaziraa ryatangiwe kuli musozi Sinai? Ntabwo se ari irya Abayuda gusa, ntabwo ryarangiriye ku musaraba?

Igitambo cya Nowa cy'

"Uwiteka abwira Nowa ... mu matungo yose no mu nyamaswa zose zitazira, ujyanemo birindwi ... no mu nyamaswa zizira, ujyanemo ebyiri ebyiri." Itangiriro 7:1, 2.

itungo ritazira (Itangiriro 8:20) cyerekana ko yumvaga itandukaniro hagati y' ibitazira n' ibizira.

Igisubizo: Oya da! Bibiliya ifite gihamya ko hariho inyamaswa zizira ni izitazira kuva mw' ikubitiro ryo kuremwa kw' isi. Nowa yabayeho mbere cyane yuko Abayuda babaho, nyamara yaraz' ibyinyamaswa zizira n' izitazira, kuko yinjije mu inkuge izitazira zirindwi zirindwi, izizira ebyiri ebyiri. Ibyahishuwe 18:2 ivuga kuby' inyoni zizira, mbere yo kugaruka kwa Yesu kwa kabiri. Urupfu rwa Yesu nta hinduka rwazanye na hato ku mategeko y'ubuzima, kuko Bibiliya ivuga ko uyica wese azarimburwa ubwo Yesu azaba agarutse (Yesaya 66:15-17). Igifu cy' Abayuda n'inzira inyurwamo n'ibiryo ntabwo inyuranye n' iyabandi. Aya mategeko y'ubuzima n' ayabantu bose bo mu bihe byose.

8. Harubwo Bibiliya ibuza kunywa ibinyobwa bisindisha?

Gukoresha ibinyobwa bisindisha kuburyo bugaragara bibuzwa n' Ijambo ry'Imana.

"Vino n' umukobanyi, inzoga zirakubaganisha, kandi ushukwa na byo ntagira ubwenge." Imigani 20:1. "Ntukarebe vino uko itukura, igihe ibirira mu gikombe, ikamanuka neza. Amaherezo iryana nk' inzoka, igatema nk' impiri." Imigani 23:31, 32. "Ntimuzi yuko abasambanyi, cyangwa abasinzi ... bene abo nti bazaragwa ubwami bw' Imana." 1 Abakorinto 6:9, 10.

Igisubuzo: Nibyo, Bibiliya kuburyo bugaragara ibuza gukoresha ibinyobwa bisindisha.

9. Mbese Bibiliya ibuza kunywa itabi?

Igisubizo: Yego, Bibiliya itanga impamvu esheshatu zerekana ko gukoresha itabi bitanezeza Imana:

A. Gukoresha itabi byangiza ubuzima kandi bikanduza umuntu. "Ntimuzi yuko muri urusengero rw' Imana, kandi k' Umwuka w'Imana aba muri mwe? Umuntu utsemba urusengero rw'Imana, Imana Izamutsemba kuko urusengero rw'Imana ari urwera, kandi urwo rusengero ni mwe. "1 Abakorinto 3:16, 17.

B. Itabi ritera irari rigira abantu imbata. Abaroma 6:16 ivuga ko tuba abagaragu babo (ibyo) twiyemeje kumvira. Abakoresha itabi ni abagaragu baryo. Yesu avuga ati, "Uramye Uwiteka Imana yawe, abe ari yo ukorera yonyine." Matayo 4:10.

Gukoresha itabi mu buryo ubwari bwo bwose nti bishimisha Imana.

C. Akamenyero k' itabi gatera umwanda. "Nuko muve hagati ya babandi, mwitandukanye niko Uwiteka avuga, kandi ntimugakore ku kintu gihumanye, nanjye nzabakira." 2 Abakorinto 6:17. N' ikintu giteye isoni gutekereza Kristo akoresha itabi mu buryo ubwaribwo bwose, sibyo?

D. Gukoresha itabi n' ugupfusha amafranga ubusa. "Ni iki gituma mutanga ifeza mukagura ibitari ibyo kurya nyakuri?" Yesaya 55:2. Turi abacunga mari b'amafranga Imana yaduhaye, "Kandi, ibisonga bishakwaho ko biba abanyamurava." 1 Abakorinto 4:2.

E. Gukoresha itabi ntawe byegereza Kristo. "Mwirinde irari ry' umubiri ry' uburyo bwinshi rirwanya ubugingo..

F. Gukoresha itabi bigabanya iminsi yo kubaho. Ubushakashati bushya bwemeza ukuri ko gukoresha itabi kenshi bigabanya iminsi yo kubaho kugeza kuri kimwe cya gatatu. Ibi byica itegeko ry' Imana ribuza kwica (Kuva 20:13). Nubwo ari ukwica buhoro, byitwa kwica. Imwe mu nzira nziza zo kwegezayo umunsi wawe wo gupfa ni ukuva ku itabi.

10. N' ayahe mategeko y'ubuzima, amwe yoroheje, ariko afite akamaro cyane, aboneka muri Bibiliya?

Igisubizo: **Akurikira n' amategeko 11 y'ubuzima:**

Kurya ibiryo ku masaha amwe ni ibintu bifite akamaro cyane.

A. Ujye urya ku gihe kimwe, kandi ntugakoreshe amavuta y' inyamaswa cyangwa amaraso. "Ujye urya mugihe gikwiriye." Umubwiriza 10:17. "Rizababere itegeko ridakuka mu bihe byose no mu buturo bwanyu bwose, nti mukagire urugimbu cyangwa amaraso murya." Abalewi 3:17.

Icyitonderwa: *Ubushakashatsi bugezweho bwemeje ko indwara z' umutima nyinshi zituruka ku rugero rurerure rwa kolesteroro mu maraso ... kandi gukoresha amavuta nibyo biri kwisonga mu bitera urugero rurero rwiyo kolesteroro. Bisa naho Imana Izi ibyo ivuga, sibyo?*

B. Ntukarye binshi. "Niba uziko ur' umunyanda nini, wifatire icyuma ku muhogo wawe." Imigani 23:2. Muri Luka 21:34, Yesu kuburyo bw' umwihariko yiyamye ibyo kurenza urugero mukurya mu minsi yegereza kugaruka kwe. Kurya ibirenze urugero bitera indwara nyinshi zidakira.

Krisito kuburyo bw' umwihariko yiyamye intumwa ze kurya ibirenze urugero.

C. Ntukifuze cyangwa se ngo ugire inzika. Ibi bibi byonona imikorere y' umubiri. Bibiliya ivuga ko kwifuza ari nk' imungu mu magufwa (Imigani 14:30). Krisito ndetse adutegeka gukemura ibibazo twaba dufitanye n' abandi. (Matayo 5:23, 24).

Akanyamuneza, no guhorana ibyishimo bigira akamaro k' ubuzima.

D. Uhorane akanyamuneza, no kwishima. "Umutima unezerewe n' umuti mwiza, ariko umutima ubabaye umutera konda. "Imigani 17:22. "Kuko uko atekereza ku mutima ari ko ari." Imigani 23:7. Indwara nyinshi abantu barwara zikomoka ku bitekerezo byinshi. Akanyamuneza no guhorana ibyishimo bigirira ubuzima akamaro, kandi byongera igihe cyo kubaho.

E. Ushyire icyizere cyose mu Imana. "Kubaha Uwiteka bitera ubugingo, umwubashye azahora ahaze." Imigani 19:23. Kwizera mu Imana byongera ubugingo n' ubuzima. "Mwana wanjye, ita ku amagambo yanjye ... kuko ar' ubugingo bw' ababibonye, bikaba umuze muke w' umubiri wabo bose." Imigani 4:20-22. N' ukuvuga ko ubuzima buva mu kumvira amategeko y' Imana no gushyira ikizere mu Imana.

Kuryama bihagije ni ingenzi k'ubuzima.

F. Gukora akazi mu rugero ruringaniye, imyitozo ngorora ngingo no kuruhuka. "Mu minsi itandatu ujye ukora, abe ariyo ukoreramo imirimo yawe yose; ariko uwa karindwi niwo Sabato y' Uwiteka Imana yawe. Ntukagire umurimo wose uwukoraho." Kuva 20:9, 10. "Ibitotsi by' umukozi bimugwa neza." Umubwiriza 5:11*. "Gututubikana kwo mu maso hawe niho kuzaguhesha umutsima." Itangangiriro 3:19. "Bibaruhiriza ubusa kuzinduka kare, mugatinda cyane kuruhuka, mukarya umutsima w' umuruho." Zaburi 127:2. "Nonese umuntu akura iki mu miruho ye yose, no mu byo umutima washishikariye munsi y' ijuru? ... ndetse na n' ijoro umutimaa we nturuhuka. Ibyo nabyo ni ubusa." Umubwiriza 2:22, 23. *: muri Bibiliya Yera ya mbere uyu murongo ni 12.

Kugira isuku ni ingenzi mu buzima.

G. Umubiri wawe uhorane isuku. "Murajye mwiyeza." Yesaya 52:11.

H. Kwirinda mu bintu byose. "Umuntu wese urushanwa yirinda muli byose." 1 Abakorinto 9:25. "Kwirinda kwanyu kumenywe n' abantu bose." Abafilipi 4:5. Umu Kristo azirinda burundu mu bintu byose bishobora kwangiza, kandi yirinde mu gukoresha ibintu niyo byaba ari ibyiza. Ingeso zibangamira ubugingo zica itegeko "Ntukice". Bica mu ngero zitandukanye. Izo ngeso zimeze nko kwiyahura mu buryo bw' ideni.

I. Kwirinda ibintu byose bitera umubiri ingufu zirenze urugero. Hano hari igitangaza kuri bamwe. Ubumenyi bwo mu buvuzi bwahamije ko kunywa icyayi, ikawa, n' ibinyobwa bimwe bidasindisha bifite ikiyobya bwenge cyitwa *kafeyine* kiba mu ikawa ni ibisa nayo, byose bifite ubwangizi ku bugingo. Nta nakimwe muri ibi binyobwa gifite intunga mubiri uretse isukari, cyangwa ibiva mu mata byitwa *keremu* biba byongewemo, kandi benshi muri twe dukoresha isukari irenze urugero. Ibitera imbaraga zirenze

urugero byongera imbaraga zagahe gato, kandi bimeze nko kugerageza gutwara toni ku ingorofani. Kumenyekana cyane kwib' ibinyobwa ntabwo biterwa no kuryoha cyangwa kwogezwa mu matangazo, ahubwo ku rugero rwa kafeyine bigira. Abantu bo muli Amerika benshi bararwaye kubera ububata batewe n' icyayi, ikawa, n' ibindi binyobwa bidasindisha bifite kafeyini. Igiteye agahinda kurutaho, nuko abagore n' abagabo bashaka amahoro n' imbaraga bakoresha icyayi ni ikawa nk' igisimbura gusenga no kwiga Bibiliya. Ibi binezeza satani kandi bikamunga ubugingo bw' abantu.

J. Igihe cyo kurya kibe gishimishije. "Kandi ko umuntu wese akwiriye kurya no kunywa, ko kunezezwa n' ibyiza by' imirimo ye yose, kuko na byo ari ubuntu bw' Imana." Umubwiriza 3:13. Imyiryane mu gihe cyo kurya bibangamira gusebwa kw' ibiryo. Byirindwe.

Gufasha abakene byongera ubugingo.

K. Gufasha abari mu kaga. "Mubohore abantu ingoyi z' urugomo, ... mugahambura imigozi y' uburetwa, ... ugatanga ibyo kurya byawe ugaburira abashonji, kandi ukazana abakene bameneshejwe ukabashyira munzu yawe, ... wabona uwambaye ubusa ukamwambika, ... ubugingo bwawe buzatumbagira mu kanya nkako guhumbya." Yesaya 58:6-8. Ibi birasobanutse kuburyo ntawe utabyumva: iyo dufashije umukene n' umutindi, twiyongerera ubugingo.

11. Ni iyihe mpanuro ihabwa abirengagiza amategeko y' Imana?

"Ntukayobwe; Imana ntineguzwa izuru: kuko ibyo umuntu abiba nibyo asarura." Abagalatiya 6:7.

Kwirengagiza amategeko y' Imana yerekeranye n'ubuzima, ni inzira isesuye yo kugana mu ibagiro.

Igisubizo: Igisubizo cyirigaragaza. Abica amabwiriza y' Imana yerekeranye no kwita ku bugingo bwabo bazasarura ubumuga kandi batwikwe bareba, nkuko ufata nabi imodoka ye agira ibibazo bikomeye atewe nayo. Abakomeza kwica amategeko y' Imana yerekeranye n' ubuzima amaherezo Imana Izabarimbura. (1 Abakorinto 3:16, 17). Amategeko y' Imana yerekeranye n' ubuzima ntabwo ari amapapirano. Ni amategeko y' ibanze, amategeko ahamye kw' isi, nk' amategeko yo guhindukira kw' isi. Kwirengagiza aya mategeko bigira ingaruka zikomeye. Bibiliya iravuga ngo, "Umuvumo wubusa ntugira uwo ufataho." Imigani 26:2. Ingorane ziza iyo twirengagije amategeko y' ubuzima. Imana, mu mpuhwe, Itubwira aya mategeko ayo ariyo kugirango twirinde ingorane ziterwa no kuyica.

12. N' ukuhe kuri guteteye ubwoba, gutangaje kubyerekeye uburyo ubugingo buhererekanywa kubana n'abuzukuru?

Ababyeyi baeshwaho n' imiti nk' urumogi bihaka umubiri babyanduza abana babo.

"Ntuzayarye (amaraso), kugira ngo wowe n'abana bawe bazagukurikira muheshwe umugisha no gukora ibyo Uwiteka ashima." Gutegeka kwa Kabiri 12:25. "Ngewe Imana yawe ndi Imana ifuha, mpora gukiranirwa kwa ba se, nkageza ku buzukuruza n'ubuvivi bw'abanyanga." Kuva 20:5.

Igisubizo:

Umuntu ashobora kubabara

Imana ibishyira ahagaragara ko abana n' abuzukuru (kugeza kugisekuru cya kane) bahorwa ubupfapfa bw' ababyeyi birengagiza iby' amabwiriza n' amategeko y' ubuzima. Abana n' abuzukuru baragwa imibiri yamunzwe n' indwara iyo abababyeyi bishe amategeko y' ubuzima bwabo. Ibi se nibyo wakwifuriza abana bawe ukunda?

azira ingeso mbi z' ababyeyi cyangwa ba sekuru mu by' ubuzima.

13. N' ukuhe kuri guteye ubwoba, kugaragara guhishurwa n' Ijambo ry'Imana?

"Ntihazinjira ikintu gihumanya cyangwa ukora ibizira akabeshya, keretse abanditswe mu gitabo cy' ubugingo cy' Umwana w' Intama." Ibyahishuwe 21:27. "Ariko abo bafite umutima ukurikira ibyabo nanga urunuka n' ibizira byabo, iyo nzira yabo mbi nzayibagereka ku mutwe." Niko Umwami, Uwiteka avuga." Ezekieli 11:21.

Imyitozo ikorewe hanze ifasha kwitegura iby' ijuru.

Igosibo: Nta nakimwe cyanduye cyangwa gihumanya kizinjizwa mu bwami by' Imana. Ingeso mbi zose zanduza umuntu. (Danyeli 1:8). Biratangaje, ariko n' ukuri. Guhitamo inzira zabo, zidashimisha Imana bizabuza abantu ubuzima buhoraho (Yesaya 66:3, 4, 15-17).

14. N' iki buri mu Kristo w' umunyakuri agomba gukora vuba?

"Twiyezeho imyanda yose y' umubiri n' umutima, tugende twiyejesha rwose kubaha Imana." 2 Abakorinto 7:1. "Kandi ufite ibyo byiringiro muri we, ariboneza nk' uko na Kristo aboneye." 1 Yohana 3:3. "Niba munkunda muzitondera amategeko yanjye." Yohana 14:15.

Igisubizo: Aba Kristo bukuri ntibazazuyaza guhuza imibereho yabo n' amabwiriza y' Imana, kuko bayikunda. Baziko amabwiriza yayo abongerera umunezero kandi akabarinda indwara umwanzi ateza. (Ibyakozwe n'Intumwa 10:38). Inama n' amabwiriza y' Imana bihora aribyo kutugirira neza, nkuko amategeko n' inama by' ababyeyi beza ar' ibigirira neza abana babo. Kandi iyo dufite ubumenyi bwinshi, Imana Izabituryoza. "Nuko uzi gukora neza ntabikore bimubereye icyaha." Yakobo 4:17.

Aba Kristo bakiriho, b' abanyakuri, bifuza gukurikiza imibereho yabo n' amategeko y' ubugingo y' Imana.

15. Ubu mfite ubwoba kuko ingeso mbi zanjye zambayeho nk' ingoyi. Nakora iki?

"Icyakora abamwemeye bose bakizera izina rye, yabahaye ubushobozi bwo kuba abana b' Imana." Yohana 1:12. "Nshobozwa byose na Kristo umpa imbaraga" Abafilipi 4:13.

Igisubizo: Jyana izi ngeso zose kuri Kristo, maze uziture ku birenge bye. Azashimishwa no kuguha umutima mushya, n' imbaraga ukeneye gucika kungeso mbi, ube umusore cyangwa umukobwa w' Imana. (Ezekiyeli 11:18, 19). Mbega ibyishimo n' akanyamuneza biteye kumenya ko "Ku Imana byose bishoboka!" Mariko 10:27. Kandi Yesu avuga ati: "Kandi uza aho ndi sinzamwirukana na hato." Yohana 6:37. Yesu Yiteguye guca amapingu atuboshye. Yifuza kutubona mu bwigenge, kandi azabikora, ni tubyemera. Ibiturushya, ingeso mbi, ibidutesha umutwe, n' ubwoba bizayoyoka ni twemera ubutumire bwe. Aravuga ati: "Ibyo mbibabwiriye ngo ... umunezero wanyu ube wuzuye." Yohana 15:11. Satani avuga ko ubwigenge buboneka mu kutumvira, arik iki ni ikinyoma. (Yohana 8:44).

Ingoyi mbi zituboshye zishobora gucibwa na Yesu..

16. Ni ayahe masezerano ashimishije twahawe n' Imana kuby' ubwami bwayo?

"Ntamuturage waho uzataka indwara." Yesaya 33:24. "Kandi urupfu ntiruzabaho ukundi, kandi umuborogo cyangwa gutaka cyangwa kuribwa." Ibyahishuwe 21:4. "Ariko abategereza Uwiteka bazasubizwamo intege nshya, bazatumbagira mu kirere bagurukishe amababa nk' ibisiga, baziruka be kunanirwa, bazagenda bere gucogora." Yesaya 40:31.

Ijuru ntirizaba mo indwara. Abarituye bose bazubahiriza amategeko y' ibyo imibereho ava ku Imana.

Igisubizo: Abazaba mu bwami bushya bw' Imana bazubaha amategeko Ye y'ubuzima, ntihazaba indwara. Bazahabwa umugisha w' imbaraga zidashira n' ubusore, kandi bazabana n' Imana mu munezero wuzuye n' imbyishimo mu bihe bidashira.

17. Kubera ko imibereho yubahiriza iby' ubuzima bwiza ari kimwe mubyo Bibiliya yigisha, niyemeje kubahiriza amategeko y' iby' ubuzima y' Imana.

Igisubizo:

- Yego
- Oya

1. 1 Timoteyo 4:4 ivuga ngo, "Kuko ibyo Imana yaremye byose ari byiza, ntiharimo icyo gutabwa." Ushobora gusobanura aya magambo? 1 Timoteyo 4:4

Aya magambo y' Imana (umurongo wa 3) uvuga iby' inyama "zaremwe n' Imana ngo zakiranwe ishimwe" n' abantu bayo. Izi nyama, nkuko twabibonye, ni inyama z' inyamaswa zitazira ziboneka mu Abalewi igice cya 11 no Gutegeka kwa Kabiri, igice cya 14. Umurongo wa 4 ubishyira ku mugaragaro ko ibyaremwe byose ari byiza, kandi ko bitakwangwa, igihe biri mu byaremewe "kwakira ishimwe" (inyamaswa zitazira). Umurongo wa 5 uvuga impamvu ituma izo nyamaswa (cyangwa ibiryo) byemewe: kuko byezwa n' Ijambo ry' Imana, rivuga ko zitazira, ndetse n' isengesho ryo kubiha umugisha, risengwa mbere yo kurya. Usabwe kwitondera ko, Imana Izarimbura abantu bagerageza "kwiyeza ubwabo," barya ibiryo bizira (Yesaya 66:17).

2. Matayo 15:11 ivuga, "Ikijya mu kanwa sicyo gihumanya umuntu, ahubwo ikiva mu kanwa ni cyo kimuhumanya" Ibi wabisobanura ngwiki?

Ikivugwa muli Matayo 15:1-20 ni ukurya n' intoki zidakarabye (umurongo wa 2). Icyitaweho si ukurya, ahubwo gukaraba intoki. Abanditsi bigishaga ko kurya nta muhango wo gukaraba intoki byahumanyaga urya. Yesu yigishije ko imihango yo gukaraba intoki ntagakiza ifite. K' umurongo wa 19, yarondoye bimwe mu bibi: abwicanyi, ubusambanyi, kwiba, n' ibindi. Hanyuma yashoje atya: "Ibyo nibyo bihumanya umuntu, ariko kurisha intoki zitajabitswe mu mazi ntiguhumanya umuntu." Umurongo wa 20.

3. Ariko se Yesu nti yejeje inyamaswa zose mu ibonekerwa rya Petero, nkuko biboneka mu Ibyakozwe n' Intumwa 10:13

Oya! Muby' ukuri, icyigisho cy' izi nzozi ntabwo ari inyamaswa, ahubwo n' abantu. Imana yeretse Petero uku kubonekerwa ngo imwereke ko abanyamahanga batanduye nkuko abayuda babitekerezaga. Imana yategetse

Koruneliyo, umunyamahanga, kohereza abantu gusura Petero. Nyamara Petero yashoboraga kwanga kubonana nabo iyo Imana Ib' Itamubonekeye, kuko itegeko ry' Abayuda ryabuzaga kugirana imishyikirano n' abanyamahanga (umurongo wa 28). Nyamara, abo bantu bagezeyo, Petero yarabakiriye, abasobanurira k' ubusanzwe atagombaga kubikora, ariko ko "Imana yanyeretse ko ntagira umuntu nita ikizira cyangwa igihumanya" (umurongo wa 28.) Mu gice gikurikiye ho (Ibyakozwe n' Intumwa 11), abizera bo mu itorero banenze Petero kuba yaravuganye n' abanyamahanga. Nuko Petero ababwira inkuri y' ibyo yabonekewe, n' ubusobanuro bwabyo. Kandi Ibyokozwe n' Intumwa 11:18 ivuga ngo: "Bumvise ibyo bararuca bararumira, bahimbaza Imana, bati, "Nuko noneho Imana ihaye n' abanyamahanga kwihana, kugira ngo nabo bahabwe ubugingo."

4. Kuki Imana yaremye ingurube, niba Atariyo kuribwa? Yesaya 66:17

Yayiremeye icyo yaremeye inyamaswa yitwa *buzzard*, inyamaswa irya imyanda. Ingurube nayo yaremewe icyo.

5. Abaroma 14:3, 14, 20 havuga "Urya byose ye guhinyura utabirya" "Ntagihumanya ubwacyo." "Ibintu byose ntibizira." Wasobanura ibi? Abaroma 14:3

Kuva k' umurongo wa 3 kugeza k' uwa 6 hari amagambo yerekeranye n' abarya cyangwa abatarya ibintu bimwe na bimwe. Iki gice ntabwo cyerekana ikibi n' icyiza, ahubwo ko ntawe ugomba gucira undi urubanza. Ahubwo, reka Imana abe ariyo Iba umucamanza (imirongo ya 4,10-12). Imirongo ya 14 na 20 ivuga kubyerekeye ibiryo byabanzaga guturwa ibigirwa mana (byabaga bibaye ibizira) – ntabwo ari inyama zizira n' izitazira zo mu Abalewi igice cya 11. (Soma 1 Abakorinto 8:1, 4, 10, 13). Ikigibwaho impaka nuko ntabyo kurya "bizira" cyangwa "bitazira", cyangwa "bihumanye" biturutse ko byabanje gutura ibigirwa mana, kuko ikigirwa mana "ntacyo kimaze mw' isi." 1 Abakorinto 8:4. Ariko niba umutima nama w' umuntu umwumvisha ko atari gukora neza ariye ibyo biryo, agomba kubireka. Cyangwa se niyo byaba bibabaza mugenzi we, agomba kubireka.

6. Mbese amategekko y' iby' ubuzima, kurya no kunywa koko afite akamaro kuri njye? Niba nkunda Imana ntibihagije? Abaroma 12:1

Yerekeranye no gupfa no gukira, kuko muraya mategeko harimo ibyo kubaha. "Abera abamwumvira bose umuhesha w' agakiza kadashira." Abaheburayo 5:9. "Umuntu wese umbwira ati Mwami, Mwami, siwe uzinjira mu bwami bwo mw' ijuru, keretse ukora ibyo Data wo mw' ijuru ashaka." Matayo 7:21. Aha harimo ibyo gukunda Kristo kuko Avuga ati: Ni munkunda, muzitondera amategeko yanjye. Iyo dukunda Umwami by' ukuri, tuzanezezwa no kumwumvira, tutagira ibyo dukikira, cyangwa ngo dushingire kutubaha kwacu ku inzitwazo. Uku ni ukugeragezwa kwo murwego rwo hejuru.

Icyitonderwa: Imibare iri mu tuzu imbere ya buri kibazo ivuga umubare w' ibisubizo by' ukuri kuri buri kibazo.

***1**. Gukurikiz' amategeko y' ubuzima y' Imana ku ineza y' umubiri w' umuntu (1)*

- ☐ bifitiye akamaro abana, ariko si kanini kubantu bakuru.
- ☐ bifite uruhari runini mu myizerere ishingiye kuli Bibiliya.
- ☐ Ntashingiro bifite mu myizerere y' umuntu.

***2**. Amategeko y' Imana y' ubuzima yatanzwe (1)*

- ☐ ni Imana Idukunda, Yaturemye kandi Izi ibitubereye ngo tugire umunezero.
- ☐ ku abayuda gusa, ntabwo areba abiki gihe.
- ☐ kutwereka ko ari Umutware, kandi aducunga.

***3**. Umu Kristo wukuri aza (1)*

- ☐ rya kandi anywe icyaricyo cyose yifuza.
- ☐ kunda Imana cyane, yirengagize amategeko yaYo y' ubuzima, kuko yarangiriye ku musaraba.
- ☐ rya kandi anywe gusa ibintu bizamutera imbaraga mu mubiri, mu gutekereza, no muri kamere, kandi aheshe Imana Icyubahiro.

***4**. Indyo ya mbere y' umuntu (1)*

- [ ] yarikozwe n' imbuto, impeke, n' ububemba.
- [ ] yarimo ibinyobwa bisindisha n' inyama.
- [ ] yarimo ibintu byose, n' icyaricyo cyose, Adamu na Eva bashakaga.

***5**. Imana yashyize k' urutonde rw' ibizira ibi biremwa: (7)*

- [ ] inka.
- [ ] ingurube.
- [ ] inkoko.
- [ ] Squirrel.
- [ ] urukwavu.
- [ ] Catfish.
- [ ] Deer.
- [ ] Trout.
- [ ] Clam.
- [ ] Shrimp.
- [ ] Lobster.
- [ ] ihene.

***6**. Ibinyobwa bisindisha ni (1)*

- [ ] byiza ku aba Kristo iyo bikoreshejwe mu rugero.
- [ ] bibi ku bikoresha iyo umuntu atekereza ko ari bibi.
- [ ] ntabwo bigomba gukoreshwa n' Umukristo.

***7**. Gukoresha itabi ni (1)*

- [ ] ibibanga ry' umuntu ku giti cye, ntasano bifitanye n' imyizerere ye.
- [ ] icyaha, kandi Umukristo ntagomba kubikoresha mu buryo ubwari bwo bwose.
- [ ] bifite akamaro Umukristo.

***8**. Reba muri lisiti y' amategekoy' ubuzima ikurikira amategekko y' Imana y' ubuzima: (9)*

- [ ] Ntukarye ngo urenze urugero.
- [ ] Nywa itabi nyuma yo kurya.
- [ ] Ube wishimye kandi ugwa neza.
- [ ] Nywa ibisindisha bike mbere y' ibiryo.
- [ ] Girira umubiri wawe isuku.
- [ ] Rya ingurube nyinshi.

- [ ] Nywa icyayi n’ ikawa byinshi.
- [ ] Gira kwirinda muri byose.
- [ ] Rya hashize igihe kingana buri gihe.
- [ ] Ntukabike inzika.
- [ ] Shyira mu rugero akazi, gukora imyitozo, no kuryama.
- [ ] Wizere Imana mu kuri.
- [ ] Ntugakoreshe urugimbu rw’ amatungo n’ amaraso yayo.

***9**. Ukuri gufite akamaro kubyerekeye amategeko y’ Imana y’ ubuzima nuko (1)*

- [ ] abana n’ abuzukuru bakunda kugira imibiri idakomeye no gutekereza bidahwitse kubera ko ababyeyi batita ku amategeko y’ Imana y’ ubuzima.
- [ ] Aya mategeko yari ay’ abayuda gusa, ntabwo atureba muri iki gihe.
- [ ] Niba muby’ ukuri dukunda Kristo, amategeko Ye y’ ubuzima afite akamaro.

***10**. Uburyo bwiza bwo gutsinda ingeso mbi ni (1)*

- [ ] 'kugabanya buhoro buhoro.'
- [ ] Kwiyegurira burundu Kristo, uduha imbaraga zo gukora byose.
- [ ] Kwizera ko bizihagarika.

***11**. Amategeko y’ ubuzima y’ Imana ni (1)*

- [ ] nka amategeko yo gukoresha imodoka: adufitiye akamaro, kandi biduteza ibibazo bikomeye iyo tutayitayeho.
- [ ] amwe mumategeko ya Mose yarangiriye ku musaraba.
- [ ] igitekerezo cyiza, ariko ntacyo atwara imibanire y’ umuntu n’ Imana.

***12**. Umu Kristo wamaramaje aza (1)*

- [ ] mara igihe asenga kandi yirengagize amabwiriza y’ Imana y’ ubuzima.
- [ ] hindura byihutirwa ingeso yose azasanga ibangamiye amabwiriza y’ Imana, kuko iyo dukunda Kristo, twishimira kubahiriza amabwiriza n’ amategeko Ye.
- [ ] umva ntakibazo gukoresha itabi.